Daniel BENDANTUNGUKA
S/Préfet à CYANGUGU. -

Kuli Nyakubahwa Bwana Prezida
wa M.D.R. Parmehutu i KIGALI.-

Nyakubahwa Bwana Prezida,

Mbandikiye iyi barwa mfite agahinda kenshi kataza wenda gutuma nshobora no gufutura amagambo yanjye neza. Ako gahinda ngatewe n'urubwa n'akarengane Sekreteri Rejionali wo ku Gikongoro NKERAMUGABA André yateye umwana wanjye,mu by'ukuli ali jye azira.

Uwo mwana ni mwishywa w'umugore wanjye,yitwa KAYIRANGA Charles. Ababyeyi be n'abo bavindimwe bamaze gushilira muli ya ntambara yayogoje u Bufundu muli 63-64 hategekwa na Préfet André NKERAMUGABA,uwo mwana aba ali we ucika kw'icumu,ahungira iwanjye,ahasanga Nyirasenge. Mwakira ubwo,ndamwirerera,hamwe n'abo nibyaliye,aho noherejwe n'Ubutegetsi gukora tukajyana,kugeza na n'ubu,aliko iyo ntambara NKERAMUGABA yagombye kumva ko ataliwe wayiteje,akabyumva nkatwe twese,ko Igihugu cyatewe;cyakitabara bigatuma ndetse n'abali beza bahagwa aliko ko ali ikibazo cyarangiye kuli wese uzi ubwenge,uzi aho Igihugu cyijya.

Uwo mwana,ejo bundi arangije amashuli yisumbuye,yemererwa kwinjira muli I.P.N. i Butare,NKERAMUGABA ngo amare kubyumva,ahurura ajya kumugambanira kuli muramu we ngo amwirukanishe. Amuhimbira ibirego biteye ubwoba,mwakwisomera muli iyi extrait y'ibaruwa ya komite lokali ya M.D.R. Parmehutu ya Komini Rukondo iyoborwa na NKERAMUGABA nyine. Nkuko uwo mwana yabinsabye,iyo baruwa ndayibohereje,kugira ngo na mwe muzikulikiranire ukuli kw'ibyo birego,byemewe bitanasuzumwe kubera impamvu umuntu wese yibonera. Ubu umwana yataye umutwe asa n'uwakubiswe n'inkuba,ntakirya.

Niba uwo mwana azira ko ubwoko bwe ali umututsi,nta rubanza,na we ubwe arabyiyemerera. Aliko nkaba nabaza icyatumye abategetsi b'amashuli babanza kumwemerera kwimuka,byarangira bakabona kumwirukana kandi na mbere hose bali babizi? Ko hashize imyaka 8.... uwo mwana yaravuye mu Rukondo,ubwo bugome NKERAMUGABA amwitilira abuzi ate?

Kubera ibyo,mbohereje attestation yahawe na Directeur we w'umuhutu kandi bamaranye imyaka 4. Urasanga ntaho ibyo amuvugaho bihuliye n'ibyo NKERAMUGABA amubeshyera.
Ikindi mbasaba,Nyakubahwa Bwana Prezida,ni uko mwabaza imyifatire yuwo mwana komite locali ya Komini Kagano cyangwa abandi ba Parmehutu baho bamaranye imyaka inne ( 4 ). Kuvuga ko annyega abahutu ni ukumuhimbira birenze kamere,kuko usibye iwanjye yabaye imyaka 10 yose,aho yiga hose abana n'abahutu cyane cyane,kuko atigeze agira uburere bwa gitutsi na busa.

...../.....

Maze rero, Nyakubahwa Prezida, ibyo uwo mwana azira si ibyo birego by'ibihimbano. Ni jyewe azira. Na njye kandi ibyo NKERAMUGABA anziza ni byo aziza n'abandi nka njye. Dore ko uwo yanze asa n'uwanzwe n'umwami wo hambere aha.

Kumva ko bamuhimbira ngo yabanje kwaka Bourgmestre ibyangombwa akabimwima hanyuma akaza kubimuha adasuzumye neza ni uguhimba no gukoresha amayeli.
Bishoboka bite ? Ngo Bourgmestre ubwe yange gutanga impapuro, hanyuma azitange atabanje kubisuzuma neza kandi ali umuntu umwe yazihaga.

Ikindi kintera agahinda nkaba nakabwira mwebwe gusa kuko ali mwe nizera, alimwe mwavanyeho akarengane n'ibisigisigi byako ,nuko mbona abantu ntagize icyo ntwara, abantu twagombaga kuva indimwe baharanira gusigingiza uli uwanjye wese, bamugambanira mu mayeli, babeshya ngo Prezida azajya kubimenya twaragize abo duhitisha.
Kubera ibyo byose bankorera mu mayeli ajya gusa n'ay'abatutsi bo hambera, Ndasaba : 1) Ko mwarenganura uwo mwana akiga ntazire ngo nuko ntajya k kwamamaza NKERAMUGABA ku Gikongoro, kandi igihe cyose batora ndi mu milimo nshinzwe n'Igihugu n'Abakuru, kandi ngira ngo ahora atorwa.

2) Ko icyo kibazo cy'ubwanganyi mwategeka NKERAMUGABA kukireka kuko jye nzi ko Umuparmehutu w'ukuli yilinda kwizilika ku nzangano zidafite aho zishingiye, zidafite aho ziganisha amajyambere y'abaturage Prezida wa Parti yacu yaharaniye kandi azaharanira tumuqhyigikiye.

Icyo nongeraho n'uko mbabajwe nuko NKERAMUGABA ashaka kunshyilira umuryango en déséquilibre kandi abyitumye, mu mayeli, aho nkaba ntahahisha umubyeyi watwese, kubona umuryango utotezwa buli gihe ku maherere, kubintu byibihimbano, bipfurapfulitse birababaje.

Nkaba ndangije mbasaba kurenganura umuryango wanjye abantu bashaka kuwuviraho indimwe ngo bawusygingize, kandi ubusanzwe uli mu miryango yindi ibereye Repubulika kandi wararwaniye ishyaka kugeza none.

Mbaye mbashimiye ko muzita kuli icyo kibazo mukarenganura urengana.

Cyangugu, le 8/1/1971

Umuparmehutu
S/Préfet BENDANTUNGUKA Daniel.-

Copie pour Information à :
Monsieur le Ministre
Délégué à la Présidence de la République
Chargé des Affaires Politiques et
Administratives à <u>KIGALI</u>.-

C O~i~P I E.

Extrait de la lettre du Comité local MDR/PARMEHUTU de la Commune de Rukondo, Préfecture de Gikongoro.

I. Uyu munyeshuli ajya kwitegura kwinjira muli iryo shuli yerekanye ibyemezo avanye muli Préfecture ya Cyangugu kuko Bourgmestre yali yamwimye iby'ino kuko yali ai amatwara ye adashobotse.

2. Aho amaliye kugararwaho n'ayo mayeli yo kubona ibya ngombwa bitali iby'aho akomoka yaje gushaka ibyo muli komini avukamo, ashuka Burgmestri amuha ibindi atabigenzuye nk'uko Burgmestri abikubwira mu rwandiko rwe ruli aha inyuma.

3. Inama ya komite lokali aho imaliye kumenya ibyo bintu ntiyabashije kubyihanganira. Niyo mpamvu yateranye kuli le I8-II-I970 kuva saa sita kugira ngo igire icyo ibivugaho.

a) Mu isuzuma ry'icyo kibazo inama yasanze mu gihe yemezaga abakwiye kwemererwa Bourse uwo yamuhakaniye biturutse ku myifatire ye mibi mu mashuli. Aho yigaga i Nyamasheke yali mu kipe y'abanyeshuli b'abatutsi birukanishije abana batandatu b'abahutu biganaga balimo uwo bavuka muli komini imwe.

b) Abo baziranye bamuvuzeho ko aho ali hose adahwema kugaya no kunnyega abahutu kandi agahora mu mihigo ko byanze b bikunze atazasaza adahoreye ababo.

c) Aho agarukiye gushaka ibya ngombwa by'ino Burgmestri niwe wiyemereza ko yamenye amagambo mabi yavugiye ku biro bya Prefegitura byatumye umwe mu ba S/Prefe asohoka mu biro aramwirukana aho.

d) Inama ibajije Burgmestri icyatumye amuha izo mpapuro avuze ko yaje akamushuka akazimuha yihuta atabanje kugenzura neza. Avuga ko aho amaliye kumumenya ali yo mpamvu yatumye yandikira Ministri amusaba kumwambura izo mpapuro.

==========================================================

Institut St Cyprien
Nyamasheke
B.P.7 Cyangugu

Attestation de bonne conduite

Je soussigné ,Ntibiringira Damien Silvère, Directeur de l'Institut St Cyprien de Nyamasheke, atteste que le nommé KAYIRANGA CHARLES fils de Rwabujyonge Macédone et de Kamaraba Gaudence,s'est toujours comporté d'une façon très remarquable aussi bien dans le domaine social que dans le domaine civique,avec le personnel enseignant et avec tous les élèves .

Il a en eutre le sens de ses responsabilités et une puissance de travail extracrdinaire.

Fait à Nyamasheke le 27 juin 1970

Cachet de l'école

INSTITUT St-CYPRIEN NYAMASHEKE

Ntibiringira Damien Silvère
Directeur